**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYARUGURU**
**AKARERE KA MUSANZE**

Province du Nord
Pour réception
Date: 24 JUL 2023

**Ref: DC**

DISTRICT DE MUSANZE
ACCUSE RECEPTION
DATE D' ENTREE. 25/7/2023
SIGNATURE.

**Musanze, ku wa 24/07/2023**

**Ref: N°...43.../07.04.3.CD 2023**

Madamu Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru/ **MUSANZE**

**Impamvu :** Kohereza Umwanzuro w'inama y'Inama Njyanama idasanzwe y'Akarere ka Musanze yateranye kuwa 24/07/2023.

Madamu,

Nishimiye kubandikira mbagezaho ku mugereka w'iyi baruwa, Umwanzuro w'inama y'Inama Njyanama idasanzwe y'Akarere ka Musanze yateranye tariki ya 24/07/2023.

Tubashimiye ko muyakiriye neza.

Mugire amahoro.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE

**NDAYAMBAJE Michel**
Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Musanze

**Bimenyeshejwe:**
-Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu **KIGALI**
-Umuyobozi w'Akarere ka **MUSANZE**

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA Y'INAMA NJYANAMA IDASANZWE Y'AKARERE KA MUSANZE YATERANYE KUWA 24/07/2023**

None kuwa 24/07/2023 saa kumi n'imwe (17h00) ku biro by'Akarere ka Musanze hateraniye Inama Njyanama idasanzwe iyobowe na Perezida wayo, Bwana **NDAYAMBAJE Michel**. Umuyobozi w'inama yashimiye Abajyanama bitabiriye inama y'Inama Njyanama idasanzwe.

**KU MURONGO W'IBYIGWA HARI INGINGO IMWE IKURIKIRA:**

1. Gusuzuma ibaruwa y'ubwegure bw'Umujyanama Bwana Andrew Mpuhwe Rucyahana ku mwanya w'Umujyanama mu Inama Njyanama y'Akarere ka Musanze;

| INGINGO ZIZWEHO | ISESENGURANGINGO | ICYEMEZO CYAFASHWE |
| --- | --- | --- |
| 1. Gusuzuma ibaruwa y'ubwegure y'umuyobozi w'Akarere w'ungirije ushinzwe ubukungu Bwana Rucyahana Mpuhwe Andrew | Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Musanze yamenyesheje inama ko Umujyanama Andrew Mpuhwe Rucyahana akaba n'Umuyobozi w'Akarere ka Musanze Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'ubukungu abasomera ibaruwa y'ubwegure bwe ku mwanya w'ubujyanama no ku Muyobozi wungirije ushinzwe iterambere ry'Akarere ka Musanze. Impamvu z'ubwegure bwe ni ukoku itariki ya 9/07/2023 yitabiriye ibirori mu Kinigi bibangamiye ubumwe bw'abanyarwanda. Akaba yarabyitabiriye nk'umushyitsi mukuru kandi akaba yemera anababajwe n'amakosa akomeye yakoze asubiza inyuma intambwe u Rwanda rugezeho mu kubaka ubumwe bw'abanyarwanda. | **07/2023/070:** Inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Musanze imaze gusesengura ibaruwa y'ubwegure bw'Umujyanama Rucyahana Mpuhwe Andrew akaba n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, yemeje ubwegure bwa Bwana Andrew Mpuhwe Rucyahana ku mwanya w'Umujyanama mu Inama Njyanama y'Akarere ka Musanze. |

Inama yasoje imirimo yayo Perezida w'Inama Njyanama ashimira abayitabiriye n'ibitekerezo batanze.

**Umwanditsi w'Inama:**

**ITUZE Nicole**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka **MUSANZE**

**Umuyobozi w'Inama:**

**NDAYAMBAJE Michel**
Perezida w'Inama Njyanama
y'Akarere ka **MUSANZE**

**LISITI Y'ABAJYANAMA B'AKARERE KA MUSANZE BITABIRIYE INAMA NJYANAMA IDASANZWE YATERANYE TARIKI YA 24/07/2023**

| N0 | AMAZINA YOMBI | ICYO ASHINZWE | UMUKONO |
|---|---|---|---|
| 1. | Ituze Nicole | DC secretary | [signature] |
| 2. | Mubinwmoyo Eugenie | Member | [signature] |
| 3. | MUKAMUHIRWA Marie Janvière | Member | [signature] |
| 4 | BIMENYIMANA Faustin | Member | [signature] |
| 5 | Michel Ndayambaje | DC chairperson | [signature] |
| 6 | GASIRABO Athanase | DC V/chairperson | [signature] |
| 7. | RAMULI Janvier | Member | [signature] |
| 8. | KAMANZI Axelle | Member | [signature] |
| 09 | GASANA Vedaste | Member | [signature] |
| 10 | NYIRANUGISHA Denyse | Member | [signature] |
| 11 | MUKADISI Florence | Member | [signature] |
| 12 | SAFARI Djumapili | Member | [signature] |
| 13 | MUKANYEMAZI Adele | Member | [signature] |
| 14 | ABAYISENGA Emile | Member | [signature] |
| 15 | NYIRAMARIBA M. Clemence | Member | [signature] |
| 16 | Hakizyambere Jean | Member | [signature] |
| | | | |
| | | | |
| | | | |